

ITEGEKO N° 03/2017 RYO KU WA 21/02/2017 RISHYIRAHU IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBY'INDEGE ZA GISIVIRI (RCAA) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO	LAW N°03/2017 OF 21/02/2017 ESTABLISHING RWANDA CIVIL AVIATION AUTHORITY (RCAA) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING	LOI N°03/2017 DU 21/02/2017 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE L'AVIATION CIVILE (RCAA) ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT
---	---	--

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

<u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u>	<u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u>
<u>Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije</u>	<u>Article One: Purpose of this Law</u>	<u>Article premier: Objet de la présente loi</u>
<u>Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure</u>	<u>Article 2: Legal personality and autonomy</u>	<u>Article 2: Personnalité juridique et autonomie</u>
<u>Ingingo ya 3: icyiciro RCAA iherereyemo</u>	<u>Article 3: Category of RCAA</u>	<u>Article 3: Catégorie de RCAA</u>
<u>Ingingo ya 4: icyicaro cya RCAA</u>	<u>Article 4: Head office of RCAA</u>	<u>Article 4: Siège de RCAA</u>
<u>UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RCAA</u>	<u>CHAPTER II: MISSION OF RCAA</u>	<u>CHAPITRE II: MISSIONS DE RCAA</u>
<u>Ingingo ya 5: Inshingano za RCAA</u>	<u>Article 5: Responsibilities of RCAA</u>	<u>Article 5: Attributions de RCAA</u>
<u>UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RCAA N'AMASEZERANO Y'IMIHIHO</u>	<u>CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RCAA AND PERFORMANCE CONTRACT</u>	<u>CHAPITRE III : ORGANE DE TUTELLE DE RCAA ET CONTRAT DE PERFORMANCE</u>
<u>Ingingo ya 6: Urwego rureberera RCAA</u>	<u>Article 6: Supervising authority of RCAA</u>	<u>Article 6: Organe de tutelle de RCAA</u>
<u>Ingingo ya 7: Amasezerano y'imihigo</u>	<u>Article 7: Performance contract</u>	<u>Article 7 : Contrat de performance</u>
<u>UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RCAA</u>	<u>CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RCAA</u>	<u>CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RCAA</u>

<u>Ingingo ya 8:</u> Inzego z’ubuyobozi za RCAA	<u>Article 8:</u> Management organs of RCAA	<u>Article 8:</u> Organes de direction de RCAA
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Inama y’Ubuyobozi	<u>Section One:</u> Board of Directors	<u>Section première:</u> Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 9:</u> Abagize Inama y’Ubuyobozi ya RCAA	<u>Article 9:</u> Composition of the Board of Directors of RCAA	<u>Article 9:</u> Composition du Conseil d’Administration de RCAA
<u>Ingingo ya 10:</u> Ububasha n’inshingano by’Inama y’Ubuyobozi	<u>Article 10:</u> Powers and responsibilities of the Board of Directors	<u>Article 10:</u> Compétences et attributions du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano za Perezida w’Inama y’Ubuyobozi	<u>Article 11:</u> Duties of the Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 11:</u> Attributions du Président du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano za Visi Perezida w’Inama y’Ubuyobozi	<u>Article 12:</u> Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 12:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 13:</u> Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y’Ubuyobozi	<u>Article 13:</u> Incompatibilities with membership of the Board of Directors	<u>Article 13:</u> Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 14:</u> Impamvu zituma ugize Inama y’Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n’uko asimburwa	<u>Article 14:</u> Reasons for loss of membership of the Board of Directors and modalities for replacement	<u>Article 14:</u> Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d’Administration et modalités de remplacement
<u>Ingingo ya 15:</u> Itumizwa n’iterana ry’inama z’Inama y’Ubuyobozi n’ifatwa ry’ibyemezo	<u>Article 15:</u> Convening and holding of meetings of the Board of Directors and decision-making	<u>Article 15:</u> Convocation et tenue des réunions du Conseil d’Administration et prise de décisions
<u>Ingingo ya 16:</u> Itumira mu nama z’Inama y’Ubuyobozi ry’umuntu ushobora kuyungura inama	<u>Article 16:</u> Invitation of a resource person to the Board of Directors’ meetings	<u>Article 16:</u> Invitation d’une personne ressource aux réunions du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 17:</u> Iyemezwa ry’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi n’inyandikomvugo yayo	<u>Article 17:</u> Approval of resolutions and minutes of the Board of Directors	<u>Article 17:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal des réunions du Conseil d’Administration

<u>Ingingo ya 18:</u> Umwanditsi w'inama z'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 18:</u> Rapporteur of the Board of Directors	<u>Article 18:</u> Rapporteur du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 19:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	<u>Article 19:</u> Personal interest in issues under consideration	<u>Article 19:</u> Intérêt personnel dans les points à l'examen
<u>Ingingo ya 20:</u> Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	<u>Article 20:</u> Sitting allowances for members of the Board of Directors	<u>Article 20:</u> Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration
<u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa	<u>Section 2:</u> Executive Organ	<u>Section 2:</u> Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 21 :</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA	<u>Article 21:</u> Composition of the Executive Organ of RCAA	<u>Article 21:</u> Composition de l'Organe Exécutif de RCAA
<u>Ingingo ya 22:</u> Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 22:</u> Responsibilities of the Executive Organ	<u>Article 22:</u> Attributions de l'Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 23:</u> Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RCAA	<u>Article 23:</u> Powers and responsibilities of the Director General of RCAA	<u>Article 23:</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général de RCAA
<u>Ingingo ya 24:</u> Sitati igenga abakozi, imiterere y'inzego z'imirimo, imikorere n'inshingano by'abandi bakozi ba RCAA	<u>Article 24:</u> Statutes governing staff, organisational structure, duties and responsibilities of other staff members of RCAA	<u>Article 24:</u> Statut régissant le personnel, structure organisationnelle, exercice de fonctions et attributions d'autres membres du personnel de RCAA
<u>UMUTWE WA V:</u> UMUTUNGO N'IMARI	<u>CHAPTER V:</u> PROPERTY AND FINANCE	<u>CHAPTER V:</u> PATRIMOINE ET FINANCES
<u>Ingingo ya 25:</u> Umutungo wa RCAA n'inkomoko yawo	<u>Article 25:</u> Property of RCAA and its source	<u>Article 25:</u> Patrimoine de RCAA et sa source
<u>Ingingova ya 26:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo	<u>Article 26:</u> Use, management and audit of property	<u>Article 26:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine
<u>Ingingo ya 27:</u> Iyemeza n'imicungire by'ingingo y'imari ya RCAA	<u>Article 27:</u> Approval and management of the budget of RCAA	<u>Article 27:</u> Adoption et gestion du budget de RCAA

<u>Ingingo ya 28:</u> Raporo y’umwaka w’ibaruramari	<u>Article 28:</u> Annual financial statements	<u>Article 28:</u> Rapport annuel des états financiers
<u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE, IZ’INZIBACYUHO N’IZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 29:</u> Ibyakozwe mbere y’uko iri tegeko ritangazwa	<u>Article 29:</u> Acts undertaken before publication of this Law	<u>Article 29:</u> Actes posés avant la publication de la présente loi
<u>Ingingo ya 30:</u> Kwegurirwa abakozi	<u>Article 30:</u> Transfer of staff	<u>Article 30 :</u> Transfert du personnel
<u>Ingingo ya 31:</u> Kwegurirwa umutungo, amasezerano n’imyenda	<u>Article 31:</u> Transfer of property, contracts and liabilities	<u>Article 31 :</u> Transfert du patrimoine, des contrats et du passif
<u>Ingingo ya 32:</u> Igihe cy’inzigacyuho	<u>Article 32:</u> Transitional period	<u>Article 32:</u> Période transitoire
<u>Ingingo ya 33:</u> Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko	<u>Article 33:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 33 :</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 34:</u> Ivanwaho ry’itegeko n’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko	<u>Article 34:</u> Repealing provision	<u>Article 34:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 35:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 35:</u> Commencement	<u>Article 35:</u> Entrée en vigueur

ITEGEKO N°03/2017 RYO KU WA 21/02/2017 RISHYIRAHU IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBY'INDEGE ZA GISIVIRI (RCAA) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 5 Mutarama 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 119 iya 120, iya 139, iya 165 n'iya 176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2016/OL ryo ku wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta;

Ishingiye ku masezerano mpuzamahanga, yashyiriweho umukono i Chicago ku wa 7 Ukuboza 1944 arebana n'iby'indege za gisiviri, nk'uko

LAW N°03/2017 OF 21/02/2017 ESTABLISHING RWANDA CIVIL AVIATION AUTHORITY (RCAA) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 5 January 2017;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, 165 and 176;

Pursuant to Organic Law n° 001/2016/OL of 20/04/2016 establishing general provisions governing public institutions;

Pursuant to the Convention on International Civil Aviation signed in Chicago on 7 December 1944, ratified by Law of 30 April 1947 and amended by the

LOI N°03/2017 DU 21/02/2017 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE L'AVIATION CIVILE (RCAA) ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 5 janvier 2017;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, 165 et 176;

Vu la Loi Organique n° 001/2016/OL du 20/04/2016 portant dispositions générales régissant les établissements publics;

Vu la Convention relative à l'aviation civile internationale signée à Chicago le 7 décembre 1944, ratifiée par la Loi du 30 avril 1947 et amendée par le

yemejwe n'Itegeko ryo ku wa 30 Mata 1947, yavuguruwe n'amasezerano mpuzamahanga yashyirihwe umukono i Montreal ku wa 16 Ukwakira 1974 nk'uko yemejwe n'Itegeko-teka ryo ku wa 7 Mata 1976;

Ishingiye ku Masezerano mpuzamahanga ya Tokyo yo ku wa 14/09/1963 yerekeye ibyaha n'ibindi bikorwa bikorewe mu ndege yemejwe burundu n'Itegeko ryo kuwa 23 Yanyari 1971 rishyiraho amabwiriza mu by'indege;

Isubiye ku Itegeko n° 53/2011 ryo ku wa 14/12/2011 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri cyitwa "RCAA" mu magambo ahinnye y'Icyongereza. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure

RCAA ifite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere, mu micungire

Protocol signed in Montreal on 16 October 1974 ratified by the Decree-Law of 7 April 1976;

Pursuant to the Tokyo Convention of 14/09/1963 on Offences and Certain Other Acts Committed on Board Aircraft ratified by Law of 23 January 1971 establishing regulations governing civil Aviation;

Having reviewed Law n° 53/2011 of 14/12/2011 establishing Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA) and determining its mission, organisation and functioning as modified and complemented to date;

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law establishes Rwanda Civil Aviation Authority abbreviated as "RCAA". It also determines its mission, organisation and functioning.

Article 2: Legal personality and autonomy

RCAA has legal personality, enjoys administrative and financial autonomy, and is also managed in accordance with the relevant laws.

Protocole signé à Montréal le 16 octobre 1974 ratifié par le Décret-loi du 7 avril 1976

Vu la Convention de Tokyo du 14/09/1963 relative aux infractions et à certains autres actes survenant à bord des aéronefs, ratifiée par la Loi du 23 janvier 1971 relative à la réglementation de l'aviation civile;

Revu la Loi n° 53/2011 du 14/12/2011 portant création de l'Office Rwandais de l'Aviation Civile (RCAA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour;

ADOpte:

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi porte création de l'Office Rwandais de l'Aviation Civile "RCAA" en sigle Anglais. Elle détermine également sa mission, son organisation et son fonctionnement.

Article 2: Personnalité juridique et autonomie

RCAA est doté d'une personnalité juridique, jouit d'une autonomie financière et administrative, et est

y'umutungo n'abakozi byayo, icungwa kandi hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 3: Icyiciro RCAA ihereyemo

RCAA iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi.

Ingingo ya 4: Icyicaruro cya RCAA

Icyicaruro cya RCAA kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

RCAA ishobora kugira amashami ahandi hose mu gihugu bibaye ngombwa, byemejwe n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RCAA

Ingingo ya 5: Inshingano za RCAA

RCAA ifite inshingano zikurikira:

- 1° guteza imbere no kugenzura imikorere ya za sosiyete n'ibindi bigo by'igihugu byemewe mu bijyanye n'indege za gisiviri;
- 2° kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza y'iby'indege za gisiviri;
- 3° gutanga ibyemezo, uburenganzira n'impushya bikenerwa mu bijyanye

Article 3: Category of RCAA

RCAA falls within the category of public non-commercial institutions.

Article 4: Head office of RCAA

The head office of RCAA is located in City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. Where necessary, it may be transferred elsewhere in the Republic of Rwanda.

RCAA may, if considered necessary upon approval by a Prime Minister's Order, have branches elsewhere in the country.

CHAPTER II: MISSION OF RCAA

Article 5: Mission of RCAA

RCAA has the following missions:

- 1° to promote and supervise the functioning of companies and other authorized national firms operating in the area of civil aviation;
- 2° to monitor the compliance with civil aviation laws and regulations;
- 3° to issue the permits, required authorizations and licenses required in civil aviation, in accordance

également géré conformément à la législation en la matière.

Article 3: Catégorie de RCAA

RCAA rentre dans la catégorie des institutions publiques à caractère non-commercial.

Article 4: Siège de RCAA

Le siège de RCAA est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. En cas de besoin, il peut être transféré en tout autre lieu sur le territoire de la République du Rwanda.

RCAA peut, en cas de besoin et sur approbation d'un arrêté du Premier Ministre, établir des branches en tout autre lieu du territoire national.

CHAPITRE II: MISSIONS DE RCAA

Article 5: Missions de RCAA

RCAA a les missions suivantes:

- 1° promouvoir et superviser le fonctionnement des sociétés et d'autres agences nationales œuvrant dans le domaine de l'aviation civile;
- 2° vérifier le respect des lois et règlements en matière d'aviation civile;
- 3° octroyer des permis, autorisations et licences nécessaires dans l'aviation civile,

Official Gazette n° 10 of 06/03/2017

n'iby'indege za gisiviri hakurikijwe amategeko n'amabwiriza azigenga;	with the relevant governing laws and regulations;	conformément aux lois et règlements en la matière;
4° kugira inama Guverinoma mu mikoranire yayo n'Umuryango Mpuzamahanga w'Indege za Gisiviri;	4° to advise the Government on its relationship with the International Civil Aviation Organization;	4° conseiller le Gouvernement sur ses relations avec l'Organisation de l'Aviation Civile Internationale;
5° kugira inama Guverinoma ku birebana no gutwara abantu n'ibintu mu kirere;	5° to advise the Government on the transportation of passengers and goods by air;	5° conseiller le Gouvernement sur le transport aérien des personnes et des biens;
6° kugira inama Guverinoma ku bindi byose byakwihutisha iterambere ry'ibikorwaremezo by'ibibuga by'indege mu Rwanda;	6° to advise the Government on all activities likely to fast-track the development of airports infrastructure in Rwanda;	6° conseiller le Gouvernement sur toutes les actions pouvant accélérer le développement des infrastructures aéroportuaires au Rwanda;
7° guhagararira u Rwanda nk'Ikigo cy'Igihugu ku rwego mpuzamahanga mu bijyanye n'indege za gisiviri;	7° to internationally represent Rwanda as the National Authority in respect of matters relating to civil aviation;	7° représenter le Rwanda comme Office national sur le plan international en ce qui concerne l'aviation civile;
8° gukorana n'izindi nzego za Leta mu kubungabunga umutekano w'indege n'abazigendamo;	8° to collaborate with other government agencies in ensuring the safety of aircrafts and passengers;	8° collaborer avec d'autres institutions publiques pour assurer la sécurité des aéronefs et des passagers;
9° kwegeranya, gusesengura no gukoresha ibijyanye n'imibare irebana n'ibibuga by'indege;	9° to gather, analyse and use statistical data on the airports;	9° collecter, analyser et utiliser les données statistiques en rapport avec les infrastructures aéroportuaires;
10° gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo byo mu rwego rw'akarere no mu rwego mpuzamahanga bihuje inshingano.	10° to establish relations and collaborate with other regional and international institutions with similar missions.	10° entretenir des relations et collaborer avec d'autres institutions régionales et internationales ayant une mission similaire.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RCAA N'AMASEZERANO Y'IMIHIHO

Ingingo ya 6: Urwego rureberera RCAA

Urwego rureberera RCAA rugenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 7: Amasezerano y'imihigo

RCAA ikorera ku masezerano y'imihigo.

Uburyo RCAA ihiga n'uburyo bwo gusuzuma imikorere yayo bigenwa n'amategeko abigenga.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RCAA

Ingingo ya 8: Inzego z'ubuyobozi za RCAA

RCAA igizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

1° Inama y'Ubuyobozi;

2° Urwego Nshingwabikorwa.

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RCAA AND PERFORMANCE CONTRACT

Article 6: Supervising authority of RCAA

A Prime Minister's Order determines the supervising authority of RCAA.

Article 7: Performance contract

RCAA operates on the basis of a performance contract.

Modalities for the conclusion and evaluation of performance contract of RCAA are determined by relevant laws.

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RCAA

Article 8: Management organs of RCAA

RCAA is composed of the following two (2) management organs:

1° the Board of Directors;

2° the Executive Organ.

CHAPITRE III : ORGANE DE TUTELLE DE RCAA ET CONTRAT DE PERFORMANCE

Article 6: Organe de tutelle de RCAA

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle de RCAA.

Article 7: Contrat de performance

RCAA fonctionne sur base d'un contrat de performance.

Les modalités de conclusion et d'évaluation du contrat de performance de RCAA sont déterminées par la législation en la matière.

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RCAA

Article 8: Organes de direction de RCAA

RCAA est doté de deux (2) organes de direction suivants:

1° le Conseil d'Administration;

2° l'Organe Exécutif.

Iciviro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RCAA

Inama y'Ubuyobozi ya RCAA igizwe n'abantu barindwi (7) bashyirwaho n'iteka rya Perezida, barimo Perezida na Visi Perezida bayo.

Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

Igihe abagize Inama y'Ubuyobozi bamara ku mirimo yabo n'uko basimburwa bigenwa n'iteka rya Perezida.

Ingingo ya 10: Ububasha n'inshingano by'Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ya RCAA ni rwo rwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo.

By'umwihariko, Inama y'Ubuyobozi ya RCAA ifite inshingano zikurikira:

- 1° gukurikirana imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa

Section One: Board of Directors

Article 9: Composition of the Board of Directors of RCAA

The Board of Directors of RCAA is composed of seven (7) members appointed by a Presidential Order, including the Chairperson and the Deputy Chairperson.

Members of the Board of Directors are selected on the basis of their competence and expertise.

At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors must be females.

A Presidential Order determines the term of office of members of the Board of Directors as well as their replacement.

Article 10: Powers and responsibilities of the Board of Directors

The Board of Directors of RCAA is the governing and decision making organ.

In particular, the Board of Directors of RCAA has the following responsibilities:

- 1° to oversee the functioning of the Executive Organ of RCAA and provide strategic guidance to be followed by the Executive Organ in the fulfilment of its mission;

Section première: Conseil d'Administration

Article 9: Composition du Conseil d'Administration de RCAA

Le Conseil d'Administration de RCAA est composé de sept (7) membres nommés par un arrêté présidentiel, dont le Président et le Vice-président.

Les membres du Conseil d'Administration sont nommés sur base de leur compétence et de leur expertise.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration doivent être de sexe féminin.

Un arrêté présidentiel détermine la durée du mandat des membres du Conseil d'Administration ainsi que leur remplacement.

Article 10: Compétences et attributions du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration de RCAA est l'organe de direction et de prise de décisions.

En particulier, le Conseil d'Administration de RCAA a les attributions suivantes:

- 1° superviser le fonctionnement de l'Organe Exécutif de RCAA et donner une orientation stratégique devant être suivie par l'Organe Exécutif dans l'accomplissement de sa mission;

Official Gazette n° 10 of 06/03/2017

n'Urwego Nshingwabikorwa mu kuzuza inshingano zarwo;		
2° kwemeza gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire n'iteganyabikorwa rya RCAA hamwe na raporo zijyana na byo;	2° to approve long term strategic plan and action plan of RCAA and related reports;	2° approuver le plan stratégique à long terme et le plan d'action de RCAA et les rapports y relatifs;
3° gusinyana amasezerano y'imihigo n'urwego rureberera RCAA;	3° to conclude a performance contract with the supervising authority of RCAA;	3° conclure un contrat de performance avec l'organe de tutelle de RCAA;
4° kwemeza amabwiriza ngengamikorere hamwe n'amategeko ngengamikorere ya RCAA;	4° to approve the procedure manual and internal rules and regulations of procedure RCAA;	4° approuver les manuels de procédure et le règlement d'ordre intérieur de RCAA;
5° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya RCAA no gukurikirana ikoreshwa n'ishyirwa mu bikorwa ryayo;	5° to approve the draft budget proposal of RCAA and monitor its use and execution;	5° approuver l'avant-projet du budget de RCAA et assurer le suivi de son utilisation et de son exécution;
6° gufata ibyemezo ku bibazo byose bikomeye biri mu nshingano za RCAA;	6° to make decisions on all critical matters under the mission of RCAA;	6° prendre les décisions sur tous les sujets critiques relevant de la mission de RCAA;
7° kwemeza umushinga w'imiterere y'inzego z'imirimo za RCAA;	7° to approve the draft of organizational structure of RCAA;	7° approuver le projet de la structure organisationnelle de RCAA;
8° gusuzuma imikorere ya RCAA hakurikijwe gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari;	8° to evaluate the performance of RCAA on basis of action plan and budget;	8° évaluer les performances de RCAA sur base du plan d'action et du budget;
9° gukemura amakimbirane arebana n'akazi hagati y'ubuyobozi bw'Urwego Nshingwabikorwa n'abakozi ba RCAA;	9° to solve work related disputes between the management of the Executive Organ and RCAA staff;	9° trancher les litiges liés au travail entre la direction de l'Organe Exécutif et le personnel de RCAA;
10° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe, iy'umwaka na raporo y'imikoreshereze y'imari ku rwego rureberera RCAA.	10° to submit quarterly and annual activity report and financial statements to the supervising authority of RCAA.	10° soumettre le rapport trimestriel et annuel d'activités et le rapport des états financiers à l'organe de tutelle de RCAA.

Ingingo ya 11: Inshingano za Perezida w’Inama y’Ubuyobozi

Perezida w’Inama y’Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:

- 1° kuyobora Inama y’Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo;
- 2° gutumiza no kuyobora inama z’Inama y’Ubuyobozi;
- 3° gushyikiriza inyandikomvugo n’inyandiko y’ibyemezo by’Inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RCAA urwego ruyireberera;
- 4° gushyira umukono ku masezerano y’imihigo hagati y’Inama y’Ubuyobozi n’urwego rureberera RCAA;
- 5° gushyikiriza raporo za RCAA zemejwe n’Inama y’Ubuyobozi inzego zibigenewe;
- 6° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’ibyemezo by’Inama y’Ubuyobozi;
- 7° gukora indi mirimo yasabwa n’Inama y’Ubuyobozi iri mu nshingano za RCAA.

Article 11: Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors

The Chairperson of the Board of Directors has the following responsibilities:

- 1° to head the Board of Directors and coordinate its activities;
- 2° to convene and preside over the meetings of the Board of Directors;
- 3° to submit minutes and statement of resolutions of the meeting of the Board of Directors of RCAA to its supervising authority;
- 4° to sign the performance contract between the Board of Directors and the supervising authority of RCAA;
- 5° to submit RCAA reports adopted by the Board of Directors to relevant organs;
- 6° to follow up the implementation of resolutions of the Board of Directors;
- 7° to perform such other duties falling within the mission of RCAA as may be assigned to him/her by the Board of Directors.

Article 11: Attributions du Président du Conseil d’Administration

Le président du Conseil d’Administration a les attributions suivantes:

- 1° diriger le Conseil d’Administration et coordonner ses activités;
- 2° convoquer et présider les réunions du Conseil d’Administration;
- 3° soumettre le procès-verbal et le document des résolutions de la réunion du Conseil d’Administration de RCAA à son organe de tutelle;
- 4° signer le contrat de performance conclu entre le Conseil d’Administration et l’organe de tutelle de RCAA;
- 5° soumettre aux organes compétents les rapports de RCAA adoptés par le Conseil d’Administration;
- 6° assurer le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d’Administration;
- 7° effectuer toute autre tâche relevant de la mission de RCAA que le Conseil d’Administration peut lui confier.

Ingingo ya 12: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi

Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi wa RCAA afite inshingano zikurikira:

- 1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari;
- 2° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano za RCAA.

Ingingo ya 13: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RCAA.

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gupiganira amasoko atangwa na RCAA n'ay'imirimo iterwa inkunga na RCAA, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane.

Ingingo ya 14: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa

Ugize Inama y'Ubuyobozi ya RCAA ava muri uwo mwanya iyo:

- 1° manda ye irangiye;

Article 12: Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors

The Deputy Chairperson of the Board of Directors of RCAA has the following responsibilities:

- 1° to assist the Chairperson and deputize for him/her in his/her absence;
- 2° to perform such other duties falling within the mission of RCAA as may be assigned to him/her by the Board of Directors.

Article 13: Incompatibilities with membership of the Board of Directors

Members of the Board of Directors are not allowed to perform any remunerated activity within RCAA.

Members of the Board of Directors are not allowed, whether individually or through companies in which they hold shares, to bid for tenders of RCAA and of the works funded by RCAA.

Article 14: Reasons for loss of membership of the Board of Directors and modalities for replacement

A member of the Board of Directors loses membership if:

- 1° the term of office expires;

Article 12: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration

Le Vice-Président du Conseil d'Administration de RCAA a les attributions suivantes:

- 1° assister le Président et le remplacer en cas d'absence;
- 2° effectuer toute autre tâche relevant de la mission de RCAA que le Conseil d'Administration peut lui confier.

Article 13: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à exercer une fonction rémunérée au sein de RCAA.

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés, soit individuellement ou par le biais des sociétés dont ils sont actionnaires, de soumissionner aux marchés de RCAA et à ceux des travaux financés par RCAA.

Article 14: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement

Un membre du Conseil d'Administration cesse d'être membre si:

- 1° son mandat expire;

Official Gazette n° 10 of 06/03/2017

2° yeguye akoresheje inyandiko;	2° he/she resigns in writing;	2° il démissionne par écrit;
3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta;	3° he/she is no longer able to perform his or her duties due to physical or mental disability certified by a committee of three (3) authorized physicians;	3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale confirmée par une commission de trois (3) médecins agréés ;
4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);	4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;	4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;
5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;	5° he/she fails to attend three (3) consecutive meetings without valid reasons;	5° il s'absente à trois (3) réunions consécutives sans raisons valables;
6° agaragaje imyitwarire yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;	6° he/she manifests any behaviour likely to compromise his or her dignity, work or his or her position;	6° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou celle de son rang;
7° abangamira inyungu za RCAA;	7° he/she jeopardizes the interests of RCAA;	7° il compromet les intérêts de RCAA;
8° ahamwe n'icyaha cya jenocide cyangwa icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide;	8° he/she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology;	8° il est reconnu coupable du crime de génocide ou d'idéologie de génocide;
9° atacyujuje impamvu zashingiweho ashirwa muri uwo mwanya;	9° he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her appointment to the Board of Directors;	9° il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé au Conseil d'Administration;
10° apfuye.	10° he/she dies.	10° il décède.
Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RCAA avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura. Ushyizweho arangiza manda y'uwo asimbuye.	In case a member of the Board of Directors leaves office before expiry of his/her term of office, the competent authority appoints his/her substitute. The appointee completes the predecessor's term of office.	Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'organe compétent nomme son remplaçant. La personne nommée termine le mandat de son prédécesseur.

Ingingo ya 15: Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo

Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo, cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.

Inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) y'akazi kugira ngo iterane.

Mu byigwa n'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa mu mwaka urangiye.

Buri gihembwe kandi, Inama y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa urwego rureberera RCAA.

Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3). icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.

Article 15: Convening and holding of meetings of the Board of Directors and decision-making

The meeting of the Board of Directors of RCAA is held once every quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson, or in his/her absence, by its Deputy Chairperson, at their own initiative or at the request in writing by at least a third (1/3) of its members.

The invitation is submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the date of the meeting.

An extraordinary meeting is convened in writing at least three (3) working days before the date of the meeting.

Items to be considered at the meeting of the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports for the previous year.

Every quarter, the Board of Directors also considers the previous quarter's financial and activity reports to be transmitted to the supervising organ of RCAA.

The quorum for the meeting of the Board of Directors to be held is two-thirds (2/3) of its members. However, if the meeting is convened for the second time, it takes place regardless of the number of members present.

Article 15: Convocation et tenue des réunions du Conseil d'Administration et prise de décisions

La réunion du Conseil d'Administration de RCAA se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président, ou en cas d'absence, sur celle de son Vice-Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite d'au moins un tiers (1/3) de ses membres.

L'invitation est adressée aux membres du Conseil d'Administration par écrit au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.

Une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours ouvrables avant la tenue de la réunion.

Parmi les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre, figure l'approbation du rapport financier et de celui d'activités de l'année précédente.

Chaque trimestre, le Conseil d'Administration examine également le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les transmet à l'organe de tutelle de RCAA.

Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers (2/3) de ses membres. Toutefois, lorsque la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient quel que soit le nombre de membres présents.

Umuyobozi Mukuru yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi.	The Director General attends the meetings of the Board of Directors.	Le Directeur Général participe aux réunions du Conseil d'Administration.
Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'Amategeko Ngenamikorere ya RCAA.	Internal rules and regulations of RCAA determine the procedures for decision-making of the Board of Directors.	Le règlement d'ordre intérieur de RCAA détermine les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration.
<u>Ingingo ya 16:</u> Itumira mu nama z'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyungura inama	<u>Article 16:</u> Invitation of a resource person to the Board of Directors' meetings	<u>Article 16:</u> Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration
Inama y'Ubuyobozi ya RCAA ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa.	The Board of Directors of RCAA may invite to its meeting any person from whom it may seek an advice on any item on the agenda.	Le Conseil d'Administration de RCAA peut inviter à ses réunions toute personne qu'il juge capable de l'éclairer sur un point quelconque inscrit à l'ordre du jour.
Uwatumiwe ntiyemerewe gutora cyangwa gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa.	The invitee is not allowed to vote or follow debates on other items on the agenda.	La personne invitée n'est pas autorisée à voter ou à suivre les débats sur d'autres points inscrits à l'ordre du jour.
<u>Ingingo ya 17:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo	<u>Article 17:</u> Approval of resolutions and minutes of the Board of Directors	<u>Article 17:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal des réunions du Conseil d'Administration
Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikoherezwa urwego rureberera RCAA mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi.	Resolutions of the Board of Directors are signed by its members present immediately after the meeting, and a copy thereof is sent to the supervising authority of RCAA within five (5) working days.	Les résolutions du Conseil d'Administration sont immédiatement signées par les membres présents après la séance et leur copie est transmise à l'organe de tutelle de RCAA dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables.
Umuyobozi w'urwego rureberera RCAA atanga ibitekerezo ku myanzuro y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo	The head of the supervising authority of RCAA gives his/ her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within fifteen (15) working days from receipt of the resolutions. If this period expires	Le responsable de l'organe de tutelle de RCAA donne son point de vue sur les résolutions du Conseil d'Administration dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à compter de leur

gihe kirenze ntacyo ayivuzeho, imyanzuro y'inama iba yemejwe burundu.

Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyingirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yoherezwa Urwego rureberera RCAA mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

Ingingo ya 18: Umwanditsi w'inama z'Inama y'Ubuyobozi

Umuyobozi Mukuru wa RCAA ni we mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi, ariko igihe cyo gufata ibyemezo ntatora.

Umuyobozi Mukuru wa RCAA ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba.

Icyo gihe abagize Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi.

Ingingo ya 19: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa

Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.

before he/she gives his/her views, such resolutions are considered definitively approved.

The minutes of the meeting of the Board of Directors are signed jointly by the Chairperson and the Rapporteur and approved at the next meeting. A copy of the minutes of the meeting is sent to the supervising authority of RCAA within fifteen (15) working days from their approval.

Article 18: Rapporteur of the Board of Directors

The Director General of RCAA serves as the rapporteur of the Board of Directors but has no voting right during decision making.

The Director General of RCAA does not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him/her.

In that case, members of the Board of Directors elect a rapporteur from among themselves.

Article 19: Personal interest in issues under consideration

If a member of the Board of Directors has a direct or indirect interest in issues under consideration, he/she must immediately inform the Board of Directors about where his/her interest lies. A person who declares an interest in the issue under consideration may not attend the meeting deliberating on that issue.

réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitivement approuvées.

Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration est signé conjointement par le Président et son rapporteur et approuvé au cours de la session suivante. Une copie du procès-verbal est transmise à l'organe de tutelle de RCAA dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter de la date de son approbation.

Article 18: Rapporteur du Conseil d'Administration

Le Directeur Général de RCAA est le rapporteur du Conseil d'Administration mais n'a pas le droit de voter lors de la prise des décisions.

Le Directeur Général de RCAA ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions sur des questions qui le concernent.

Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration élisent parmi eux un rapporteur.

Article 19: Intérêt personnel dans les points à l'examen

Quand un membre du Conseil a un intérêt direct ou indirect dans un point sous l'examen, il en informe immédiatement le Conseil d'Administration et montre où ses intérêts reposent. Le membre qui informe de son intérêt dans un point sous l'examen ne participe pas à la réunion qui examine ce sujet.

Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri icyo kibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera RCAA rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30).

Ingingo ya 20: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama bigenwa n'iteka rya Perezida.

Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa

Ingingo ya 21: Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA

Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA rugizwe n'Umuyobozi Mukuru ushyirwaho n'iteka rya Perezida n'abandi bakozi bahabwa akazi hakurikijwe amategeko abigenga. Iteka rya Perezida rishobora kandi gushyiraho Abayobozi Bakuru bungirije, rikanagena ububasha n'inshingano byabo.

Ingingo ya 22: Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa

Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA ni izi zikurikira:

If it is evident that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issue under consideration in such a way that it is impossible to decide on the issue, the issue is submitted to the supervising authority of RCAA which decides on the issue within thirty (30) days.

Article 20: Sitting allowances for members of the Board of Directors

A Presidential Order determines the sitting allowances for members of the Board of Directors.

Section 2: Executive Organ

Article 21: Composition of the Executive Organ of RCAA

The Executive Organ of RCAA is comprised of the Director General appointed by a Presidential Order and other staff members recruited in accordance with relevant laws. A Presidential Order may also appoint Deputy Directors General and determine their powers and duties.

Article 22: Responsibilities of the Executive Organ

Responsibilities of the Executive Organ of RCAA are the following:

Lorsqu'il apparaît que la majorité ou l'ensemble des membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans un point à l'examen de sorte que la prise de décisions sur ce point devienne impossible, ce point est soumis à l'organe de tutelle de RCAA pour décision dans un délai de trente (30) jours.

Article 20: Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration

Un arrêté présidentiel détermine les jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'Administration.

Section 2: Organe Exécutif

Article 21: Composition de l'Organe Exécutif de RCAA

L'Organe Exécutif de RCAA est composé du Directeur Général nommé par arrêté présidentiel et d'autres membres du personnel recrutés conformément à la législation en la matière. Un arrêté présidentiel peut également nommer les Directeurs Généraux adjoints et déterminer leurs pouvoirs et leurs attributions.

Article 22: Attributions de l'Organe Exécutif

Les attributions de l'Organe Exécutif de RCAA sont les suivantes:

Official Gazette n° 10 of 06/03/2017

- | | | |
|--|--|---|
| 1° gukora imirimo n'ibikorwa bya buri muni bya RCAA hakurikijwe amategeko n'amabwiriza abigenga; | 1° to carry out daily duties and activities of RCAA in accordance with relevant laws and regulations; | 1° exécuter les tâches et les activités quotidiennes de RCAA conformément aux lois et règlements en la matière; |
| 2° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA; | 2° to implement decisions of the Board of Directors of RCAA; | 2° mettre en œuvre les décisions du Conseil d'Administration de RCAA; |
| 3° gucunga neza abakozi n'umutungo bya RCAA; | 3° to ensure efficient management of human resources and property of RCAA; | 3° s'assurer de la bonne gestion des ressources humaines et du patrimoine de RCAA; |
| 4° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe na raporo y'umwaka ku Nama y'Ubuyobozi ya RCAA; | 4° to submit a quarterly activity report and an annual report to the Board of Directors of RCAA; | 4° soumettre un rapport d'activités trimestriel et un rapport annuel au Conseil d'Administration de RCAA; |
| 5° gukora indi mirimo rwahabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano za RCAA. | 5° to perform such other duties falling within the mission of RCAA as may be assigned to it by the Board of Directors. | 5° exécuter toutes autres tâches relevant de la mission de RCAA que le Conseil d'Administration peut lui confier. |

Ingingo ya 23: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RCAA

Umuyobozi Mukuru wa RCAA afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya RCAA akurikije amategeko abigenga.

Umuyobozi Mukuru wa RCAA ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° kuyobora no guhuza imirimo n'ibikorwa bya buri muni bya RCAA hakurikijwe amategeko n'amabwiriza abigenga;
- 2° guhagararira RCAA imbere y'amategeko;

Article 23: Powers and responsibilities of the Director General of RCAA

The Director General of RCAA has the power to make decisions on the management of human resources and property of RCAA in accordance with relevant laws.

The Director General of RCAA has the following responsibilities:

- 1° to direct and coordinate activities and daily duties of RCAA in accordance with relevant laws and regulations;
- 2° to serve as the legal representative of RCAA;

Article 23: Pouvoirs et attributions du Directeur Général de RCAA

Le Directeur Général de RCAA dispose du pouvoir de décisions dans la gestion des ressources humaines et du patrimoine de RCAA conformément à la législation en la matière.

Le Directeur Général de RCAA a les attributions suivantes:

- 1° diriger et coordonner les tâches et les activités quotidiennes de RCAA conformément aux lois et règlements en la matière;
- 2° être le représentant légal de RCAA;

Official Gazette n° 10 of 06/03/2017

- | | | |
|---|--|--|
| 3° kuba umuvugizi wa RCAA; | 3° to serve as the spokesperson of RCAA; | 3° servir de porte-parole de RCAA; |
| 4° gukurikirana ishikirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA; | 4° to follow-up on the implementation of the decisions of the Board of Directors of RCAA; | 4° assurer le suivi de la mise en œuvre des décisions du Conseil d'Administration de RCAA; |
| 5° gucunga abakozi, ibikoresho n'umutungo bya RCAA no gutanga raporo yabyo ku Nama y'Ubuyobozi; | 5° to manage human resources, equipment and property of RCAA and submit a report thereon to the Board of Directors; | 5° assurer la gestion des ressources humaines, des équipements et du patrimoine de RCAA et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration; |
| 6° gutegura gahunda na raporo y'ibikorwa byemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA; | 6° to draft the action plan and activity report to be approved by the Board of Directors of RCAA; | 6° élaborer le plan et le rapport d'activités à être approuvés par le Conseil d'Administration de RCAA; |
| 7° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya RCAA yemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA; | 7° to prepare draft internal rules and regulations of RCAA to be approved by the Board of Directors of RCAA; | 7° élaborer un projet de règlement d'ordre intérieur de RCAA à être approuvé par le Conseil d'Administration de RCAA; |
| 8° gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya RCAA; | 8° to prepare the draft budget proposal of RCAA; | 8° préparer l'avant-projet de budget de RCAA; |
| 9° gucunga ingengo y'imari ya RCAA; | 9° ensure the management of RCAA budget; | 9° assurer la gestion du budget de RCAA; |
| 10° kwitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi no kuba umwanditsi wazo; | 10° to attend the meetings of the Board of Directors and serve as its rapporteur; | 10° participer aux réunions du Conseil d'Administration et servir de rapporteur; |
| 11° gukora indi mirimo yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi, ijyanye n'inshingano za RCAA. | 11° to perform such other duties falling within the mission of RCAA as may be assigned to him/her by the Board of Directors. | 11° effectuer toutes autres tâches relevant de la mission de RCAA que le Conseil d'Administration peut lui confier. |

Ingingo ya 24: Sitati igenga abakozi, imiterere y'inzego z'imirimo, imikorere n'inshingano by'abandi bakozi ba RCAA

Iteka rya Perezida rishyiraho sitati yihariye igenga abakozi ba RCAA, imishahara n'ibindi bibagenerwa.

Iyo sitati igenga kandi imiterere y'inzego z'imirimo, imikorere n'inshingano by'abandi bakozi ba RCAA.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

Ingingo ya 25: Umutungo wa RCAA n'inkomoko yawo

Umutungo wa RCAA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa RCAA ukomoka kuri ibi bikurikira:

- 1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;
- 2° inkunga za Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa mu iterambere;
- 3° ibikomoka ku mirimo ikora;
- 4° inyungu zikomoka ku mutungo wayo;

Article 24: Statutes governing staff, organisational structure, duties and responsibilities of other staff members of RCAA

A Presidential Order determines special statutes governing the staff of RCAA, their salaries and other fringe benefits.

The statutes also determine the organisational structure, exercise of duties and responsibilities of other staff members of RCAA.

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

Article 25: Property of RCAA and its source

The property of RCAA is composed of movable and immovable assets.

The property of RCAA is derived from the following sources:

- 1° State budget allocations;
- 2° State or development partners' subsidies;
- 3° income from services rendered;
- 4° interests from its property;

Article 24: Statut régissant le personnel, structure organisationnelle, exercice de fonctions et attributions d'autres membres du personnel de RCAA

Un arrêté présidentiel détermine le statut particulier régissant les membres du personnel de RCAA, les salaires et autres avantages leur accordés.

Le statut détermine également la structure organisationnelle, l'exercice de fonctions et les attributions d'autres membres du personnel de RCAA.

CHAPTER V: PATRIMOINE ET FINANCES

Article 25: Patrimoine de RCAA et sa source

Le patrimoine de RCAA comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine de RCAA provient des sources suivantes:

- 1° les dotations budgétaires de l'Etat;
- 2° les subventions de l'Etat ou des partenaires du développement;
- 3° les revenus des services prestés;
- 4° les intérêts de son patrimoine;

5° inguzanyo zihabwa RCAA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;	5° loans granted to RCAA as approved by the Minister in charge of finance;	5° les prêts accordés au RCAA approuvés par le Ministère ayant les finances dans ses attributions;
6° impano n'indagano.	6° donations and bequests.	6° les dons et legs.
<u>Ingingo ya 26: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo</u>	<u>Article 26: Use, management and audit of property</u>	<u>Article 26: Utilisation, gestion et audit du patrimoine</u>
Imari n'umutungo bya RCAA bikoreshwa kandi bigacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.	The finance and property of RCAA are used and managed in accordance with relevant laws.	Les finances et le patrimoine de RCAA sont utilisés et gérés conformément à la législation en la matière.
Ubugenzuzi bw'imari n'umutungo bya RCAA bukorwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta hakurikijwe amategeko abigenga.	The Auditor General of State Finances carries out the audit of finance and property of RCAA in accordance with relevant laws.	L'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat effectue l'audit des finances et patrimoine de RCAA conformément à la législation en la matière.
Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsu ry'imikoreshereze y'umutungo wa RCAA bukorera raporo Inama y'Ubuyobozi bugaha kopi Umuyobozi Mukuru wa RCAA.	The RCAA internal audit service submits its report to the Board of Directors with a copy to the Director General of RCAA.	Le service d'audit interne de RCAA transmet son rapport au Conseil d'Administration avec copie au Directeur Général de RCAA.
RCAA ishobora kwitabaza abagenzuzi b'imari baturutse hanze, bisabwe Urwego rw'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta rukabyemera.	RCAA may use external auditors upon request to and approval by the Office of the Auditor General of State Finances.	RCAA peut faire recours aux auditeurs externes sous réserve qu'il le demande auprès de l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat et que ce dernier l'accepte.
<u>Ingingo ya 27: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya RCAA</u>	<u>Article 27: Approval and management of the budget of RCAA</u>	<u>Article 27: Adoption et gestion du budget de RCAA</u>
Ingengo y'imari ya RCAA yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.	The budget of RCAA is approved and managed in accordance with relevant laws.	Le budget de RCAA est adopté et géré conformément à la législation en la matière.
<u>Ingingo ya 28: Raporo y'umwaka w'ibaruramari</u>	<u>Article 28: Annual financial statements</u>	<u>Article 28: Rapport annuel des états financiers</u>
Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru wa	Within three (3) months following the closure of the financial year, the Director General of RCAA	Dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable, le Directeur

RCAA ashyikiriza urwego rureberera RCAA raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

submits the annual financial statements to the supervising authority of RCAA after approval by the Board of Directors in accordance with laws governing the management of State finance and property.

Général de RCAA transmet à l'organe de tutelle de RCAA le rapport annuel des états financiers après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux lois régissant la gestion des finances et du patrimoine de l'Etat.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER VI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 29: Ibyakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangazwa

Article 29: Acts undertaken before publication of this Law

Article 29: Actes posés avant la publication de la présente loi

Ibyakozwe na RCAA yashyizweho n'Itegeko n° 53/2011 ryo ku wa 14/12/2011 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, bigumana agaciro kabyo.

Acts undertaken by RCAA as established by Law n° 53/2011 of 14/12/2011 establishing Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA) and determining its mission, organisation and functioning as modified and complemented to date remain valid.

Les actes posés par RCAA qui a été créé par la Loi n° 53/2011 du 14/12/2011 portant création de l'Office Rwandais de l'Aviation Civile (RCAA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour, restent valables.

Ingingo ya 30: Kwegurirwa abakozi

Article 30: Transfer of staff

Article 30 : Transfert du personnel

Abakozi bari aba RCAA yashyizweho n'Itegeko N° 53/2011 ryo ku wa 14/12/2011 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu bakomeza kuba aba RCAA ishyizweho n'iri tegeko hashingiwe kuri sitati yihariye ibagenga.

Staff members of RCAA as established by Law n° 53/2011 of 14/12/2011 establishing Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA) and determining its mission, organisation and functioning as modified and complemented to date, remain under the authority of RCAA as established by this Law pursuant to the governing special statutes.

Le personnel de RCAA créé par la Loi n° 53/2011 du 14/12/2011 portant création de l'Office Rwandais de l'Aviation Civile (RCAA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour, reste sous l'autorité de RCAA créé par la présente loi conformément au statut particulier qui les régit.

Ingingo ya 31: Kwegurirwa umutungo, amasezerano n'imyenda

Article 31: Transfer of property, contracts and liabilities

Article 31 : Transfert du patrimoine, des contrats et du passif

Amasezerano, imitungo yimukanwa n'itimukanwa n'imyenda byari ibya RCAA yashyizweho n'Itegeko N° 53/2011 ryo ku wa 14/12/2011 rishyiraho Ikigo

Contracts, movable and immovable assets as well as liabilities of RCAA established by Law n° 53/2011 of 14/12/2011 establishing Rwanda Civil Aviation

Les contrats, les biens meubles et immeubles ainsi que le passif de RCAA créé par la Loi n° 53/2011 du 14/12/2011 portant création de l'Office Rwandais de

cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu bijyanye n'inshingano RCAA ihawe n'iri tegeko irabyeguriwe.

Ingingo ya 32: Igihe cy'inziyacyuho

Hashyizweho igihe cy'inziyacyuho kitarenze amezi cumi n'abiri (12) uherye igihe iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo Urwego rureberera RCAA rushyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe rube rwagennye urwego rwegurirwa amasezerano, imitungo yimukanwa n'itimukanwa n'imyenda bijyanye n'inshingano y'ubucuruzi yakorwaga na RCAA yashyizweho n'itegeko n° 53/2011 ryo ku wa 14/12/2011 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu.

Ingingo ya 33: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 34: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Itegeko n° 53/2011 ryo ku wa 14/12/2011 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA), rikanagena inshingano, imiterere

Authority (RCAA) and determining its mission, organisation and functioning as modified and complemented to date in connection with the mission given to RCAA by this Law, are transferred to RCAA.

Article 32: Transitional period

There is established a transitional period not exceeding twelve (12) months from the day of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda for the supervising authority of RCAA determined by a Prime Minister's Order to designate an organ to which will be transferred contracts, movable and immovable assets as well as liabilities in connection with the commercial responsibility that was carried out by RCAA established by Law n° 53/2011 of 14/12/2011 establishing Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA) and determining its mission, organisation and functioning as modified and complemented to date.

Article 33: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 34: Repealing provision

Law n° 53/2011 of 14/12/2011 establishing Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA) and determining its mission, organisation and functioning as modified

l'Aviation Civile (RCAA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour en rapport avec la mission donnée au RCAA par la présente loi, sont transférés au RCAA.

Article 32: Période transitoire

Il est établi une période transitoire ne dépassant pas douze (12) mois à compter de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour que l'organe de tutelle de RCAA déterminé par arrêté du Premier Ministre, désigne un organe auquel seront transférés les contrats, les biens meubles et immeubles ainsi que le passif en rapport avec la responsabilité commerciale qui était exécutée par RCAA créé par la Loi n° 53/2011 du 14/12/2011 portant création de l'Office Rwandais de l'Aviation Civile (RCAA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour.

Article 33: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 34: Disposition abrogatoire

La Loi n° 53/2011 du 14/12/2011 portant création de l'Office Rwandais de l'Aviation Civile (RCAA) et déterminant sa mission, son organisation et son

n'imikorere byacyo nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 35: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **21/02/2017**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

and complemented to date as well as all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

Article 35: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **21/02/2017**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

fonctionnement telle que modifiée et complétée à ce jour ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 35: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **21/02/2017**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux